CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (250) 789 55 08 48
E-mail: eglisecatholiquerwanda@gmail.com


# ITANGAZO RISOZA IMIRIMO Y'INTEKO RUSANGE Y'INAMA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA YATERANYE KUVA KU ITARIKI YA 03 KUGEZA KU YA 06 WERURWE 2026

Guhera tariki ya 03 kugera ku ya 06 Werurwe 2026, Inteko Rusange y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateraniye kuri Centre Pastoral y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ku Ruyenzi. Imirimo y'Inteko rusange y'177 yayobowe na Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA, Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Inama yabimbuwe n'isengesho saa yine. Abepiskopi ba diyosezi icyenda bitabiriye inama bose.

Umuhango wo gutangiza imirimo y'iyi Nteko Rusange witabiriwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Arnaldo CATALAN, Intumwa ya Papa mu Rwanda, aherekejwe na Musenyeri Daniel TUMIEL, umunyamabanga mushya mu biro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda, wari witabiriye bwa mbere ifungurwa ry'Inama y'Abepikopi Gatolika mu Rwanda.

Mu ijambo ryo gutangiza imirimo y'iyi Nteko, Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yashimiye Intumwa ya Papa mu Rwanda, aha ikaze umunyamabanga mushya. Yifurije Abepiskopi kuzagira imirimo myiza. Yibukije kandi ko hakiri kiliziya nyinshi za paruwasi, iza santarali na sikirisali zifunze. Yasabye Abepiskopi bagenzi be gukomeza gushyira imbere ikenurabushyo ryegera abakristu aho bari. Yababwiye kandi ko muri iki igihe turimo amahoro ari make hirya no hino ku isi, ababwira gusenga cyane basaba amahoro n'ubutabera.

Intumwa ya Papa mu Rwanda, mu butumwa bwayo, yavuze kuri sinodi ku kugendera hamwe, yibutsa ibyo Ubunyamabanga bukuru bwa Sinodi busaba gukora uyu mwaka n'umwaka utaha. Yarangije yifuriza Abepiskopi kuzagira inama nziza.

Umuyobozi w'Inteko Rusange y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yamurikiye bagenzi be gahunda yose uko yakabaye bityo bafatanya kuyemeza bamaze kuyikorera ubugororangingo. Hakurikiyeho gusangira amakuru y'ingenzi yaranze ubutumwa muri buri Diyosezi hagati y'Ukuboza 2025 na Werurwe 2026. Inteko rusange yasuzumye ibindi byari ku murongo w'ibyigwa ingingo ku yindi.

1. **Gutegura inama ya ACOREB[1]**

Abepiskopi bongeye kurebera hamwe gahunda y'Inama ihuza Abepiskopi b'u Rwanda n'u Burundi, bemeza ibizigwa. Iyo nama izabera i Kigali, kuva ku itariki ya 09 – 12/03/2026.

2. **Umwiherero w'Abepiskopi**

Abepiskopi bemeje ko umwiherero wabo usanzwe wa buri mwaka uzatangira ku itariki ya 3 ukageza ku ya 8 Gicurasi 2026, ukazabera i Kibeho.

3. **Inshingano za Komisiyo z'Inama y'Abepiskopi**

Abepiskopi barebeye hamwe Komisiyo uko zavuguruwe, banyura mu nshingano za buri komisiyo bazunguranaho ibitekerezo. Komisiyo zashyizwe hamwe ku buryo zisigaye ari 13 zivuye kuri 23 hagendewe ku ivugururwa ry'Inyandiko *Praedicate Evangelium* (Nimwamamaze Ivanjili) ya Papa Fransisko (2022). Muri Komisiyo y'Uburezi Gatolika abitwa "Représentants diocésains de l'Enseignement Catholique", Abepiskopi bemeje ko, guhera ubu, bazitwa "Directeurs diocésains de l'Education Catholique" (Abayobozi b'Uburezi Gatolika muri Diyosezi). Basanze hari Komisiyo zikora neza ku buryo buhoraho n'izindi zigifite intege nke. Bemeje ko Komisiyo zihabwa imbaraga bihereye muri Diyosezi.

4. **Sinodi ku kugendera hamwe**

Igice kigezweho muri Sinodi ubu ni amahugurwa ku rwego rwa Diyosezi. Abepiskopi bibukiranyije ibikubiye mu ibaruwa y'Ubunyamabanga bukuru bwa Sinodi yibutsa intera zinyuranye Sinodi igomba gukorwamo. Diyosezi zimaze guhugurwa ni enye, amahugurwa aracyakomeza. Ayo mahugurwa yagiye aba aherekejwe n'isengesho, ibiganiro muri Roho Mutagatifu (Conversation dans l'Esprit), kwitoza kudatsimbarara ku bitekerezo byawe bwite no kumenya gutega amatwi abandi kugira ngo bagere ku mwanzuro ukwiye. Nyuma yo guhugurwa ku rwego rwa Diyosezi hateganyijwe gukomereza mu byiciro binyuranye by'abakristu muri Paruwasi na Santarali. Ku rwego rw'igihugu hateganyijwe inama y'abahuzabikorwa ba sinodi, bagategura gahunda zizakurikiraho muri uyu mwaka n'iz'umwaka utaha wa 2027.

5. **Urugo rwa Mutagatifu Tereza**

Mu rwego rwo gufasha Abasaserdoti n'abiyeguriyimana kuruhuka no kwigarurامo imbaraga za roho mu kurangiza ubutumwa bwabo, Abepisikopi bongeye kuganira ku nshingano z'Urugo rwa Mutagatifu Tereza bashinze muri Diyosezi ya Cyangugu bafatanyije n'Abiyeguriyimana na Diyosezi Gatolika ya Cyangugu.

---

[1] Association des Conférences Episcopales du Rwanda et du Burundi.

## 6. Imbuto za Yubile y'impurirane

Abepisikopi baganiriye ku rugendo rwa yubile y'impurirane banarebera hamwe ibyaranze imihimbazo y'iyo yubile, bemeza ko hagomba gusohoka inyandiko eshatu zivuga iby'urugendo rw'imyaka 125 ishize Inkuru Nziza igeze mu Rwanda hamwe n'icyerekezo gishya nyuma ya yubile. Izo nyandiko ni izi:

- Imbuto z'Iyogezabutumwa mu myaka 125 ishize
- Ibyaranze imihimbazo ya Yubile y'impurirane
- Ibaruwa y'Abepiskopi igaragaza icyerekezo cy'Iyogezabutumwa mu myaka 25 iri imbere.

## 7. Inama yateguwe na ACEAC[2] ku itumanaho

Abepiskopi barebeye hamwe imyanzuro yafatiwe mu nama ku itumanaho yateguwe na ACEAC, yabereye i Kigali ku matariki ya 03-05/02/2026. Biyemeje kuzayishyira mu bikorwa bashyigikira imiyoboro isanzwe y'itumanaho kandi banoza uburyo bwo gutanga ubutumwa.

## 8. Ubutumwa bwo gucapisha no kugeza Bibiliya ku bakristu

Abepiskopi baganiriye ku butumwa bwo gufasha Abakristu kubona Bibiliya ku buryo bworoshye. Bemeje ko habaho inama zihoraho zihuza abarebwa n'ubwo butumwa bagamije kurushaho kubunoza. Ubunyamabanga bw'Inama y'Abepiskopi Gatolika bwasabwe guhuza ibikorwa byo kugeza Bibiliya ku Bakristu.

## 9. Umushinga w'inyubako nshya ku cyicaro cy'Inama y'Abepiskopi

Abepiskopi bigiye hamwe umushinga w'inyubako mu kibanza cyo ku cyicaro cy'Inama yabo mu buryo bujyanye n'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali.

## 10. Ibitabo bya Kiliziya by'imihimbazo inyuranye

Abepiskopi barebeye hamwe uko amahugurwa kuri Liturujiya ya Misa yagiye akorwa muri za Diyosezi n'ahandi hatandukanye hifashishijwe igitabo "Duhimbaze Misa uko bikwiye". Abakristu bishimiye icyo gitabo kuko kibafasha kugendera hamwe nk'Umuryango w'Imana. Abepiskopi biyemeje ko gahunda yo gusohora ibitabo byifashishwa mu mihimbazo itandukanye izakomeza.

## 11. Ingoro ya Bikira Mariya i Kibeho

Abepiskopi bongeye kurebera hamwe ibijyanye n'ubutumwa bw'Ingoro ya Bikira Mariya i Kibeho. Bemeje ko ubutumwa bwabo bwo ku ya 12/4/2025 ku ngoro ya Bikira Mariya buzashyirwa mu ndimi zitandukanye zumvwa n'abahakorera ingendo nyobokamana. Bemeje kandi ko habaho kunoza uburyo bwo kwakira abagana Kibeho.

[2] Association des Conférences Episcopales d'Afrique Centrale

Hazashyirwaho amabwiriza areba ibikorerwa muri za shapeli no mu nkengero z'ingoro kugira ngo bititiranwa n'ubutumwa bwayo. Biyemeje gushyiraho, muri buri Diyosezi, abasaserdoti bashinzwe ubutumwa bwa Kibeho bazajya bakorana n'ubuyobozi bw'Ingoro.

**12. Inama mpuzamahanga y'abanyamakuru gatolika, SIGNIS WORLD**

Abepiskopi barebeye hamwe aho imyiteguro y'inama ya Signis World izabera i Kigali ku matariki ya 3-8/8/2026 igeze. Bishimiye ko hari benshi bifuza kuzayitabira, bakaba baratangiye kwiyandikisha. Komisiyo zitegura iyo nama zatangiye guhura.

**13. Icyerekezo cy'ikenurabushyo nyuma ya Yubile y'impurirane**

Abepiskopi basuzumye ibibazo biriho muri iki gihe nyuma y'imyaka 125 Ivanjili igeze mu Rwanda, basanga byibanda cyane cyane ku muryango n'ubuyobe bujyana n'iterambere ry'ibintu mu isi ya none. Basanze kandi hari uruhurirane rw'amadini menshi y'ibyaduka atuma abakristu bagwa mu rujijo mu kwemera kwabo. Abepiskopi biyemeje gushyira imbaraga mu Iyogezabutumwa ryimbitse, ikenurabushyo ry'umuryango, uburere n'uburezi, kwita ku rubyiruko, gutegura neza abasaserdoti n'abandi bogezabutumwa. Abepiskopi biyemeje kandi kunoza inyigisho mbonezamubano za Kiliziya no gushishikariza abakristu kurushaho kumenya no kwamamaza ubutumwa bwa Bikira Mariya Nyina wa Jambo. Abepiskopi kandi biyemeje gukomeza no guha imbaraga ikenurabushyo ry'ubumwe n'ubwiyunge.

**14. Ikibazo cya kiliziya zigifunze**

Abepiskopi bongeye kuganira ku kibazo cya kiliziya zigifunze. Babajwe ni uko hari Abakristu bagiye kumara imyaka ibiri badahurira hamwe mu Misa ntagatifu. Barizeza Abakristu ko bazakomeza kubaba hafi kandi ko bakomeza kuvugana n'inzego za Leta zibishinzwe kugira ngo haboneke igisubizo gikwiye.

Abepisikopi barangije inama bifurizanya gukomeza kugira igisibo cyiza no kuzahimbaza neza Pasika ya Nyagasani.

Bikorewe ku Ruyenzi, ku wa 06 Werurwe 2026

**Padiri Védaste Kayisabe**
Umunyamabanga Mukuru w'Inama
y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

**✠ Antoni Karidinali KAMBANDA**
Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P. 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *